



Umwaka wa 63  
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe  
yo ku wa 11/06/2024

Year 63  
Official Gazette n° Special of  
11/06/2024

63<sup>ème</sup> Année  
Journal Officiel n° Spécial du  
11/06/2024

## ***Ibirimo/Summary/Sommaire***

## ***page/urup.***

### **A. Itegeko / Law /Loi**

<b>Itegeko n° 049/2024 ryo ku wa 04/06/2024</b> rihindura Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.....	2
<b>Law n° 049/2024 of 04/06/2024</b> amending Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave benefits scheme .....	2
<b>Loi n° 049/2024 du 04/06/2024</b> modifiant la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité.....	2

### **B. Amateka ya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Orders/Arrêtés du Premier Ministre**

<b>Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 025/03 ryo ku wa 06/06/2024</b> rishyiraho Abayobozi.....	14
<b>Prime Minister's Order n° 025/03 of 06/06/2024</b> appointing Officials.....	14
<b>Arrêté du Premier Ministre n° 025/03 du 06/06/2024</b> portant nomination des cadres .....	14
<b>Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 026/03 ryo ku wa 06/06/2024</b> ryemerera Abayobozi gusezera ku kazi.....	26
<b>Prime Minister's Order n° 026/03 of 06/06/2024</b> accepting resignation of Officials.....	26
<b>Arrêté du Premier Ministre n° 026/03 du 06/06/2024</b> acceptant la démission des cadres.....	26
<b>Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 027/03 ryo ku wa 06/06/2024</b> rivana ubutaka mu mutungo rusange wa Leta rikabushyira mu mutungo bwite wa Leta.....	30
<b>Prime Minister's Order n° 027/03 of 06/06/2024</b> transferring land from state public domain to state private domain.....	30
<b>Arrêté du Premier Ministre n° 027/03 du 06/06/2024</b> portant désaffectation des terres du domaine public de l'État au domaine privé de l'État.....	30

<p>ITEGEKO N° 049/2024 RYO KU WA 04/06/2024 RIHINDURA ITEGEKO N° 003/2016 RYO KU WA 30/03/2016 RISHYIRAHO RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA</p>	<p>LAW N° 049/2024 OF 04/06/2024 AMENDING LAW N° 003/2016 OF 30/03/2016 ESTABLISHING AND GOVERNING MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME</p>	<p>LOI N° 049/2024 DU 04/06/2024 MODIFIANT LA LOI N° 003/2016 DU 30/03/2016 PORTANT CRÉATION ET ORGANISATION DU RÉGIME DES PRESTATIONS DE CONGÉ DE MATERNITÉ</p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Isobanura</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Interpretation</u></b></p>	<p><b><u>Article premier : Interprétation</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ukwiyaandikisha</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Registration</u></b></p>	<p><b><u>Article 2 : Enregistrement</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Igenzura</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Audit</u></b></p>	<p><b><u>Article 3 : Audit</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Ibarwa ry'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Maternity leave benefits</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Prestations de congé de maternité</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara n'igihe bimara</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Payment and duration of maternity leave benefits</u></b></p>	<p><b><u>Article 5 : Versement et durée des prestations de congé de maternité</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Ibisabwa umukoresha kugira ngo asubizwe ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yishyuye</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: For an employer to be reimbursed for the maternity leave benefits he or she has paid</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Conditions requises pour qu'un employeur soit remboursé des prestations de congé de maternité qu'il a versées</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Ingingo y'ururimi</u></b></p>	<p><b><u>Article 7: Language provision</u></b></p>	<p><b><u>Article 7 : Disposition linguistique</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 8: Entry into force</u></b></p>	<p><b><u>Article 8 : Entrée en vigueur</u></b></p>

<p><b>ITEGEKO N° 049/2024 RYO KU WA 04/06/2024 RIHINDURA ITEGEKO N° 003/2016 RYO KU WA 30/03/2016 RISHYIRAHU RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA</b></p>	<p><b>LAW N° 049/2024 OF 04/06/2024 AMENDING LAW N° 003/2016 OF 30/03/2016 ESTABLISHING AND GOVERNING MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME</b></p>	<p><b>LOI N° 049/2024 DU 04/06/2024 MODIFIANT LA LOI N° 003/2016 DU 30/03/2016 PORTANT CRÉATION ET ORGANISATION DU RÉGIME DES PRESTATIONS DE CONGÉ DE MATERNITÉ</b></p>
<p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p>	<p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p>	<p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République ;</p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT:</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT :</b></p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 26 Mata 2024;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 26 April 2024;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 26 avril 2024;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64;</p>
<p>Isubiye ku Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena</p>	<p>Having reviewed Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing</p>	<p>Revu la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des</p>

Official Gazette n° Special of 11/06/2024

<p>imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2, iya 5, iya 11, iya 12 n'iya 13;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: Isobanura</u></b></p> <p>Ingingo ya 2 y' Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 2: Isobanura</u></b></p> <p>Muri iri tegeko:</p> <p>(a) « <b>ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara</b> » bivuga amafaranga yishyurwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara;</p> <p>(b) « <b>Ikigo gishyiraho amabwiriza</b> » bivuga urwego rufite mu nshingano zarwo gushyiraho amabwiriza no gukora ubugenzuzi bw'ibyerekeranye n'ubwiteganyirize;</p> <p>(c) « <b>Minisitiri</b> » bivuga Minisitiri ufite ubwiteganyirize mu nshingano;</p>	<p>maternity leave benefits scheme, especially in Articles 2, 5, 11, 12 and 13;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>Article One: Interpretation</u></b></p> <p>Article 2 of Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave benefits scheme is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 2: Interpretation</u></b></p> <p>In this Law:</p> <p>(a) “<b>maternity leave benefits</b>” means a sum of money paid to a woman on maternity leave;</p> <p>(b) “<b>Regulator</b>” means an institution in charge of regulation and supervision of the social security sector;</p> <p>(c) “<b>Minister</b>” means the Minister in charge of social security;</p>	<p>prestations de congé de maternité, en ses articles 2, 5, 11, 12 et 13;</p> <p><b>ADOPTE :</b></p> <p><b><u>Article premier : Interprétation</u></b></p> <p>L'article 2 de la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 2 : Interprétation</u></b></p> <p>Dans la présente loi :</p> <p>(a) « <b>prestations de congé de maternité</b> » signifie une somme versée à une femme en congé de maternité;</p> <p>(b) « <b>Régulateur</b> » signifie une institution ayant la réglementation et la supervision du secteur de la sécurité sociale dans ses attributions;</p> <p>(c) « <b>Ministre</b> » signifie le ministre ayant la sécurité sociale dans ses attributions ;</p>
---	---	---

<p>(d) «<b>Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize</b>» bivuga urwego rwa Leta rufite mu nshingano ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara;</p> <p>(e) «<b>ukwezi</b>» bivuga igihe kingana n'iminsi 30 y'ingengaminsi ikurikiranye;</p> <p>(f) «<b>umugore</b>» bivuga umukozi w'igitsinagore wemerewe mu buryo buteganywa n'amategeko gufata ikiruhuko cyo kubyara bitewe n'uko atwite cyangwa yabyaye;</p> <p>(g) «<b>umukoresha</b>» bivuga umuntu wese ukoresha umukozi umwe cyangwa benshi ku buryo buhoraho cyangwa budahoraho;</p> <p>(h) «<b>umukozi</b>» bivuga umuntu wese ukora umurimo kandi akawuhemberwa;</p> <p>(i) «<b>umuntu</b>» akubiyemo umuntu ku giti cye, urwego cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi. »</p>	<p>(d) “<b>Social Security Administration</b>” means a public entity in charge of maternity leave benefits scheme;</p> <p>(e) “<b>month</b>” means a period of 30 consecutive calendar days;</p> <p>(f) “<b>woman</b>” means a female employee who is entitled, in accordance with the law to a maternity leave because she is pregnant or she has given birth;</p> <p>(g) “<b>employer</b>” means any person that employs one or several employees on either temporary or permanent basis;</p> <p>(h) “<b>employee</b>” means any person who performs an activity in exchange for payment;</p> <p>(i) “<b>person</b>” includes an individual, entity or institution with legal personality. »</p>	<p>(d) «<b>Administration de la sécurité sociale</b>» signifie une entité publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions;</p> <p>(e) «<b>mois</b>» signifie une période de 30 jours civils consécutifs;</p> <p>(f) «<b>femme</b>» signifie une employée qui a droit conformément à la loi un congé de maternité pour des raisons de grossesse ou d'accouchement;</p> <p>(g) «<b>employeur</b>» signifie toute personne qui emploie un ou plusieurs employés à titre temporaire ou permanent;</p> <p>(h) «<b>employé</b>» signifie toute personne exerçant une activité moyennant une rémunération;</p> <p>(i) «<b>personne</b>» comprend une personne physique, une entité ou un établissement doté de la personnalité juridique. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ukwiyaandikisha</u></b></p> <p>Ingingo ya 5 y'Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena</p>	<p><b><u>Article 2: Registration</u></b></p> <p>Article 5 of Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave</p>	<p><b><u>Article 2 : Enregistrement</u></b></p> <p>L'article 5 de la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du</p>

<p>imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) «Umukoresha yiyandikisha mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize akoresheje inyandiko yabugenewe, mu gihe kitarenze iminsi irindwi kuva ahaye akazi umukozi wa mbere.</p> <p>(2) Iyo Umukozi uhawe akazi adasanganywe inomero y'ubwiteganyirize, umukoresha amwandikisha mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize akoresheje inyandiko yabugenewe, mu gihe kitarenze iminsi irindwi y'akazi, kuva amuhaye akazi.</p> <p>(3) Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bushyiraho amabwiriza y'uburyo ibivugwa muri iyi ngingo bikorwa. »</p>	<p>benefits scheme is amended as follows:</p> <p>(1) «The employer registers with the Social Security Administration using a prescribed form, within seven days from the date on which he or she hires the first employee.</p> <p>(2) If a new employee does not have a registration number, the employer registers him or her with the Social Security Administration using a prescribed form, within seven working days from the date on which the employee is hired.</p> <p>(3) The Social Security Administration establishes instructions on the modalities in which the provisions of this Article are applied. »</p>	<p>régime des prestations de congé de maternité est modifié comme suit :</p> <p>(1) « L'employeur se fait enregistrer auprès de l'Administration de la sécurité sociale en utilisant un formulaire prescrit, dans les sept jours à compter de la date d'embauche du premier employé.</p> <p>(2) Lorsqu'un nouvel employé n'a pas de numéro d'enregistrement, son employeur le fait enregistrer auprès de l'Administration de la sécurité sociale en utilisant un formulaire prescrit, dans les sept jours ouvrables à compter de la date d'embauche de l'employé.</p> <p>(3) L'Administration de la sécurité sociale émet des instructions sur les modalités d'application des dispositions du présent article. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Igenzura</u></b></p> <p>Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ryongewemo ingingo ya 9 bis iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p><b><u>Article 3: Audit</u></b></p> <p>An Article 9 bis is inserted in Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave benefits scheme, to be worded as follows:</p>	<p><b><u>Article 3 : Audit</u></b></p> <p>Dans la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité, il est inséré un article 9bis libellé comme suit :</p>

<p><b>«<u>Ingingo ya 9 bis</u>: Igenzura</b></p> <p>Iteka rya Ministiri rigena uburyo igenzura ku itangwa ry'imisanzu irebana n'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara rikorwa. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 4</u>: Ibarwa ry'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara</b></p> <p>Ingingo ya 11 y'Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p><b>« <u>Ingingo ya 11</u>: Ibarwa ry'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara</b></p> <p>(1) Ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara bingana n'umushahara w'ukwezi kubanziriza uko yarangirijeho ikiruhuko cyo kubyara, watanzweho umusanzu, ugabanywa n'iminsi 30, ugakubwa n'iminsi y'ikiruhuko cyo kubyara yishyurwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.</p> <p>(2) Ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ntibishobora kuruta umushahara wamenyekanishijwe mu gihe cy'ikiruhuko cyo kubyara.</p>	<p><b>«<u>Article 9 bis</u>: Audit</b></p> <p>An Order of the Minister determines modalities for the audit of the remittance of contributions to maternity leave benefits scheme. »</p> <p><b><u>Article 4</u>: Calculation of maternity leave benefits</b></p> <p>Article 11 of Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave benefits scheme is amended as follows:</p> <p><b>« <u>Article 11</u>: Calculation of maternity leave benefits</b></p> <p>(1) Maternity leave benefits are equal to the salary of the month preceding the month of the end of maternity leave on which the contribution was subscribed divided by 30 days, multiplied by the days of leave reimbursable by the Social Security Administration.</p> <p>(2) Maternity leave benefits cannot exceed the salary declared during the period of maternity leave.</p>	<p><b>« <u>Article 9 bis</u> : Audit</b></p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les modalités de l'audit du versement des cotisations au régime des prestations de congé de maternité. »</p> <p><b><u>Article 4</u>: Calcul des prestations de congé de maternité</b></p> <p>L'article 11 de la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité est modifié comme suit :</p> <p><b>« <u>Article 11</u>: Calcul des prestations de congé de maternité</b></p> <p>(1) Les prestations de congé de maternité sont égales au salaire du mois précédant le mois de fin de congé de maternité sur lequel la cotisation a été souscrite divisé par 30 jours, multiplié par les jours de congé remboursables par l'Administration de la sécurité sociale.</p> <p>(2) Les prestations de congé de maternité ne peuvent pas excéder le salaire déclaré pendant la période de congé de maternité.</p>
---	---	---

<p>(3) Ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara byishingirwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bibarwa guhera ku cyumweru cya karindwi cy'ikiruhuko cyo kubyara. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara n'igihe bimara</u></b></p> <p>Ingingo ya 12 y'Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Umukoresha yishyura umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara umushahara w'ibyumweru 14 harimo ibyumweru umunani byishingirwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.</p> <p>(2) Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize busubiza umukoresha amafaranga y'ibyumweru umunani yishyuye umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu gihe ibyumweru bitandatu byishyurwa n'umukoresha.</p> <p>(3) Iyo hari ingorane zibayeho zishingiye ku kubyara zemejwe na muganga wemewe na Leta, zaba ku mugore wabyaye</p>	<p>(3) Maternity leave benefits covered by the Social Security Administration are calculated from the seventh week of maternity leave. »</p> <p><b><u>Article 5: Payment and duration of maternity leave benefits</u></b></p> <p>Article 12 of Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave benefits scheme is amended as follows:</p> <p>(1) « An employer pays a woman on maternity leave a salary of 14 weeks, including the eight weeks covered by the Social Security Administration.</p> <p>(2) The Social Security Administration reimburses the employer for the benefits of eight weeks paid to a woman on maternity leave while the salary of six weeks is paid by the employer.</p> <p>(3) In case of delivery complications certified by an authorised medical doctor, either for a woman or her new</p>	<p>(3) Les prestations de congé de maternité couvertes par l'Administration de la sécurité sociale sont calculées à partir de la septième semaine du congé de maternité. »</p> <p><b><u>Article 5: Versement et durée des prestations de congé de maternité</u></b></p> <p>L'article 12 de la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Un employeur verse à une femme en congé de maternité un salaire de 14 semaines, y compris les huit semaines couvertes par l'Administration de la sécurité sociale.</p> <p>(2) L'Administration de la sécurité sociale rembourse à l'employeur les prestations de huit semaines versées à une femme en congé de maternité tandis que celles de six semaines sont payées par l'employeur.</p> <p>(3) En cas de complications associées à l'accouchement constatées par un médecin agréé, que ce soit pour la femme</p>
---	--	---



*Official Gazette n° Special of 11/06/2024*

<p>cyangwa ku mwana wavutse zituma yongererwa ikiruhuko cyo kubyara, uwo mugore akomeza guhabwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu gihe cy'inyongera kitarenze ukwezi kumwe.</p> <p>(4) Mu gihe umwana avutse adashyitse akaba acyitabwaho, umukoresha yishyura umugore umushahara w'igihe cyari gisigaye kugira ngo umwana avukire amezi icyenda harimo 1/2 cyishingirwa kikanasubizwa umukoresha n'Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize.</p> <p>(5) Umugore umaze gufata ikiruhuko kivugwa mu gika cya (4) cy'iyi ngingo, afite uburenganzira bwo gufata ikiruhuko cyo kubyara kingana n'ibyumweru 14, agahabwa ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara nk'uko biteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(6) Mu gihe umugore abyaye umwana upfuye kuva ku cyumweru cya 20 cyo gusama, umukoresha amwishyura umushahara w'ibyumweru umunani harimo ibyumweru bibiri byishingirwa bikanasubizwa umukoresha</p>	<p>born, such a woman is granted by the Social Security Administration maternity leave benefits for an additional period that does not exceed one month.</p> <p>(4) In case of premature birth, when a baby is being cared for, the employer pays a woman a salary equivalent to the remaining time to normal delivery period of 9 months, including ½ covered and reimbursed to the employer by the Social Security Administration.</p> <p>(5) A woman who has completed the leave referred to in Paragraph (4) of this Article, is entitled to a maternity leave of 14 weeks and receives maternity leave benefits as provided for in Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(6) If a woman gives birth to a stillborn child after the start of the 20<sup>th</sup> week of pregnancy, the employer pays to her a salary of eight weeks, including two weeks covered and reimbursed to the employer by the Social Security</p>	<p>ou pour le nouveau-né, la femme bénéficie des prestations de congé de maternité de la part de l'Administration de la sécurité sociale pour une période supplémentaire n'excédant pas un mois.</p> <p>(4) En cas de naissance prématurée nécessitant les soins de l'enfant, l'employeur verse à la femme un salaire équivalent à la période restant à courir jusqu'à la période normale d'accouchement de 9 mois, y compris ½ couvert et remboursé à l'employeur par l'Administration de la sécurité sociale.</p> <p>(5) Une femme qui termine le congé visé au paragraphe (4) du présent article a droit à un congé de maternité de 14 semaines et bénéficie des prestations de congé de maternité prévues au paragraphe (1) du présent article.</p> <p>(6) Lorsqu'une femme accouche d'un enfant mort-né à partir de la 20<sup>e</sup> semaine de grossesse, l'employeur lui verse un salaire de huit semaines, y compris deux semaines couvertes et remboursées à l'employeur par l'Administration de la</p>
--	---	---

<p>n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.</p> <p>(7) Umugore upfushije umwana nyuma yo kuvuka afite uburenganzira ku bigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara nk'uko biteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p> <p>(8) Mu gihe umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara apfuye umwana wavutse agasigara, igihe cy'ikiruhuko cyo kubyara kishingiwe kitararangira, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bwishyura se w'umwana cyangwa umwishingizi w'uwo mwana wemewe n'amategeko, amafaranga umugore wapfuye yari kuzahabwa ajyanye n'ikiruhuko cyo kubyara. Iyo bigenze gutyo, umushahara ushingirwaho ni umushahara we wa nyuma watanzweho umusanzu.</p> <p>(9) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara n'ibisabwa. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Ibisabwa umukoresha kugira ngo asubizwe ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yishyuye</b></p> <p>Ingingo ya 13 y'Itegeko n° 003/2016 ryo ku</p>	<p>Administration.</p> <p>(7) A woman whose child dies after birth has a right to maternity leave benefits as provided for in Paragraph (1) of this Article.</p> <p>(8) If a woman on maternity leave dies before the expiry of maternity leave covered and the child survives, the Social Security Administration pays to the father or legal guardian of the child maternity leave benefits that the woman would have benefited. In this case, the salary considered is her last declared salary.</p> <p>(9) An Order of the Minister determines the procedure for payment of maternity leave benefits as well as the requirements. »</p> <p><b><u>Article 6:</u> Requirements for an employer to be reimbursed for the maternity leave benefits he or she has paid</b></p> <p>Article 13 of Law n° 003/2016 of 30/03/2016</p>	<p>sécurité sociale.</p> <p>(7) Une femme dont l'enfant décède après la naissance a droit à des prestations de congé de maternité prévues au paragraphe (1) du présent article.</p> <p>(8) Lorsqu'une femme en congé de maternité décède avant l'expiration du congé de maternité couvert et que l'enfant reste vivant, l'Administration de la sécurité sociale verse au père ou au tuteur légal de l'enfant les prestations de congé de maternité que la femme aurait dû percevoir. Dans ce cas, le salaire considéré est son dernier salaire déclaré.</p> <p>(9) Un arrêté du Ministre détermine la procédure de versement des prestations de congé de maternité ainsi que les conditions requises. »</p> <p><b><u>Article 6 :</u> Conditions requises pour qu'un employeur soit remboursé des prestations de congé de maternité qu'il a versées</b></p> <p>L'article 13 de la Loi n° 003/2016 du</p>
--	--	---

<p>wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b>Ingingo ya 13: Ibisabwa umukoresha kugira ngo asubizwe ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yishyuye</b></p> <p>Umukoresha asubizwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yishyuye iyo –</p> <p>(a) yahaye umugore ikiruhuko cyo kubyara nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga;</p> <p>(b) yishyuye umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ibimugenerwa byishingirwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize;</p> <p>(c) yashyikirije Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize ubusabe bwo gusubizwa amafaranga yishyuye umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara cyishingiwe, mu gihe kitarenze amezi atandatu uherye umunsi umugore yarangirijeho ikiruhuko cyo kubyara. »</p>	<p>establishing and governing maternity leave benefits scheme is amended as follows:</p> <p>« <b>Article 13: Requirements for an employer to be reimbursed for the maternity leave benefits he or she has paid</b></p> <p>An employer is reimbursed by the Social Security Administration for maternity leave benefits he or she has paid when –</p> <p>(a) he or she has granted a woman maternity leave as provided for by relevant legislation;</p> <p>(b) he or she has paid a woman on maternity leave benefits covered by the Social Security Administration;</p> <p>(c) he or she has filed with the Social Security Administration a request for reimbursement of benefits paid to a woman on maternity leave covered, within six months from the date on which the woman completed her maternity leave. »</p>	<p>30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité est modifié comme suit :</p> <p>« <b>Article 13: Conditions requises pour qu'un employeur soit remboursé des prestations de congé de maternité qu'il a versées</b></p> <p>Un employeur est remboursé par l'Administration de la sécurité sociale les prestations de congé de maternité qu'il a versées lorsque –</p> <p>(a) il a donné à une femme un congé de maternité conformément à la législation en la matière;</p> <p>(b) il a versé à une femme en congé de maternité les prestations couvertes par l'Administration de la sécurité sociale;</p> <p>(c) il a soumis à l'Administration de la sécurité sociale une demande de remboursement des prestations versées à une femme en congé de maternité couvert, dans un délai de six mois à compter de la date à laquelle la femme a terminé son congé de maternité. »</p>
--	--	---

*Official Gazette n° Special of 11/06/2024*

<p><b><u>Ingingo ya 7: Ingingo y'ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 7: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 7 : Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku 02/08/2023.</p>	<p><b><u>Article 8: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 02/08/2023.</p>	<p><b><u>Article 8 : Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Elle sort ses effets à partir du 02/08/2023.</p>

Kigali, 04/06/2024

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repbulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux